

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 083/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA INTEGO, INSHINGANO, IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI BA MINISITERI Y'IKORANABUHANGA MU ITUMANAHO NO GUHANGA IBISHYA</p> <p style="text-align: center;"><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Intego</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Igenwa ry'umushahara</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Ibigize umushahara mbumbe</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Ibindi bigenerwa Umunyamabanga Uhoraho</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 083/03 OF 14/08/2020 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES, ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF THE MINISTRY OF INFORMATION, COMMUNICATION, TECHNOLOGY AND INNOVATION</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p><u>Article 2:</u> Mission</p> <p><u>Article 3:</u> Responsibilities</p> <p><u>Article 4:</u> Organisational structure</p> <p><u>Article 5:</u> Determination of the salary</p> <p><u>Article 6:</u> Composition of the gross salary</p> <p><u>Article 7:</u> Fringe benefits for the Permanent Secretary</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 083/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA MISSION, ATTRIBUTIONS, STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU MINISTÈRE DE LA TECHNOLOGIE DE L'INFORMATION, COMMUNICATION ET INNOVATION</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p> <p><u>Article 2:</u> Mission</p> <p><u>Article 3:</u> Attributions</p> <p><u>Article 4:</u> Structure organisationnelle</p> <p><u>Article 5:</u> Détermination du salaire</p> <p><u>Article 6:</u> Composition du salaire brut</p> <p><u>Article 7:</u> Avantages alloués au Secrétaire Permanent</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibindi bigenerwa <i>Chief Policy/Technical Advisor</i> uri ku rwego rw’umurimo rwa “F”</p>	<p><u>Article 8:</u> Fringe benefits for Chief Policy/Technical Advisor on “F” job level</p>	<p><u>Article 8:</u> Avantages alloués au <i>Chief Policy/Technical Advisor</i> au poste de niveau “F”</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Ibindi bigenerwa <i>Director Generals, Advisor to the Minister na Analyst</i> bari ku rwego rw’umurimo rwa “2.III”</p>	<p><u>Article 9:</u> Fringe benefits for Director Generals, Advisor to the Minister and Analyst on “2.III” job level</p>	<p><u>Article 9:</u> Avantages alloués aux <i>Director Generals, Advisor to the Minister et Analyst</i> au poste de niveau “2.III”</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Ibindi bigenerwa <i>Directors of Units</i> n’abakozi ba Leta bari ku rwego rw’umurimo rwa “3.II”</p>	<p><u>Article 10:</u> Fringe benefits for Directors of Units and public servants on “3.II” job level</p>	<p><u>Article 10:</u> Avantages alloués aux <i>Directors of Units</i> et aux agents de l’État au poste de niveau “3.II”</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Indamunite z’urugendo rw’imodoka</p>	<p><u>Article 11:</u> Mileage allowances</p>	<p><u>Article 11:</u> Indemnités kilométriques</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p>	<p><u>Article 12:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p>	<p><u>Article 12:</u> Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Ivanwaho ry’iteka n’ingingo zinyuranyije n’iri teka</p>	<p><u>Article 13:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 13:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 14:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 14:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 083/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA INTEGO, INSHINGANO, IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI BA MINISITERI Y'IKORANABUHANGA MU ITUMANAHO NO GUHANGA IBISHYA</p> <p>Minisitiri w'Intebe;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 52;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 113/03 ryo ku wa 08/11/2017 rigena inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, ibisabwa ku myanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi muri Minisitiri y'Ikoranabuhanga n'Itumanaho;</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 083/03 OF 14/08/2020 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES, ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF THE MINISTRY OF INFORMATION, COMMUNICATION, TECHNOLOGY AND INNOVATION</p> <p>The Prime Minister;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 52;</p> <p>Having reviewed the Prime Minister's Order n° 113/03 of 08/11/2017 determining mission and functions, organizational structure, job profiles, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Information Technology and Communication;</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 083/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA MISSION, ATTRIBUTIONS, STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU MINISTÈRE DE LA TECHNOLOGIE DE L'INFORMATION, COMMUNICATION ET INNOVATION</p> <p>Le Premier Ministre;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 52;</p> <p>Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 113/03 du 08/11/2017 portant mission et fonctions, structure organisationnelle, profils d'emplois, salaires et avantages accordés au personnel du Ministère de la Technologie de l'Information et de la Communication ;</p>
---	---	---

<p>Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p>Iri teka rigena intego, inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Minisitiri y'ikorabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya (MINICT).</p> <p><u>Ingingo ya 2: Intego</u></p> <p>MINICT ifite intego yo kwita kuri gahunda z'Igihugu zihutirwa mu bijyanye n'iterambere ry'ubukungu no kugabanya ubukene ibinyujije mu gushyiraho no guhuza politiki na gahunda z'Igihugu zerekeye ikorabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya n'izerekeye kubaka ubushobozi bw'abaturage.</p>	<p>On proposal by the Minister of Public Service and Labour;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/06/2020;</p> <p>ORDERS:</p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines mission, responsibilities, organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Information, Communication, Technology and Innovation (MINICT).</p> <p><u>Article 2: Mission</u></p> <p>MINICT has the mission to address national priorities relating to economic growth and poverty reduction through development and coordination of national policies and programs related to information, technology, communication and innovation as well as citizen's empowerment.</p>	<p>Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2020;</p> <p>ARRÊTE:</p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine la mission, les attributions, la structure organisationnelle, les salaires et les avantages alloués au personnel du Ministère de la Technologie de l'Information, Communication et Innovation (MINICT).</p> <p><u>Article 2: Mission</u></p> <p>MINICT a pour mission de s'atteler aux priorités nationales en rapport avec la croissance économique et la réduction de la pauvreté à travers l'élaboration et la coordination des politiques et programmes nationaux relatifs à la technologie de l'information, communication et innovation ainsi que le renforcement des capacités de la population.</p>
---	---	--

<u>Ingingo ya 3: Inshingano</u>	<u>Article 3: Responsibilities</u>	<u>Article 3: Attributions</u>
<p>MINICT ifite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gushyiraho no kumenyekanisha politiki, ingamba na gahunda zijyanye n'ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya; 2° gutegura imishinga yerekeye ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya; 3° gutegura amategeko yerekeye ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya no kuyamenyekanisha; 4° kugira uruhare mu gushyiraho ibipimo bigenga ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya; 5° guteza imbere no gufasha mu iterambere ry'ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya hagamijwe gutanga serivisi nziza; 	<p>MINICT has the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to develop and disseminate policies, strategies and programs relating to information, communication, technology and innovation; 2° to develop projects related to information, communication, technology and innovation; 3° to prepare laws related to information, communication, technology and innovation and their dissemination; 4° to contribute to the development of indicators in information, communication, technology and innovation; 5° to promote and facilitate the development of the information, communication, technology and innovation for good service delivery; 	<p>MINICT a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° développer et diffuser les politiques, les stratégies et les programmes en rapport avec la technologie de l'information, la communication et l'innovation; 2° développer les projets en rapport avec la technologie de l'information, la communication et l'innovation; 3° préparer les lois relatives à la technologie de l'information, communication et l'innovation et les diffuser; 4° contribuer à la mise en place des indicateurs relatives à la technologie de l'information, communication et l'innovation; 5° promouvoir et faciliter le développement de la technologie de l'information, communication et innovation pour une bonne prestation des services;

<p>6° kubaka ubushobozi bw'inzego n'abakozi mu ikoranabuhanga, itumanaho no guhanga ibishya;</p> <p>7° kugira inama Minisiteri n'ibigo bya Leta mu byerekeranye n'ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya;</p> <p>8° gukurikirana no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya politiki, ingamba na gahunda zo guteza imbere ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya;</p> <p>9° kugenzura inzego zirebererwa na Minisiteri binyujijwe mu:</p> <p>a. gutanga umurongo ngenderwaho muri gahunda zigomba gushyirwa mu bikorwa n'inzego zirebererwa na Minisiteri;</p> <p>b. kugenzura imikorere n'imicungire by'inzego zirebererwa na Minisiteri;</p>	<p>6° to develop institutional and human resources capacities in information, communication, technology and innovation;</p> <p>7° to advise Ministries and public institutions in information, communication, technology and innovation;</p> <p>8° to monitor and evaluate the implementation of national policies, strategies and programs to promote information, communication, technology and innovation;</p> <p>9° to oversee organs under supervision of the Ministry through:</p> <p>a. provision of orientations to programs to be realised by the organs under the supervision of the Ministry;</p> <p>b. supervision of the functioning and management of institutions under the supervision of the Ministry;</p>	<p>6° développer des capacités institutionnelles et des ressources humaines dans la technologie de l'information, communication et innovation;</p> <p>7° conseiller aux Ministères et aux établissements publics en matière de technologie de l'information, communication et innovation;</p> <p>8° faire le suivi et l'évaluation de la mise en œuvre des politiques, stratégies et programmes nationaux pour la promotion de la technologie de l'information, communication et l'innovation;</p> <p>9° superviser les organes sous-tutelle du Ministère à travers:</p> <p>a. l'orientation aux programmes devant être réalisés par les organes sous tutelle du Ministère;</p> <p>b. la supervision du fonctionnement et de la gestion des institutions sous-tutelle du Ministère;</p>
---	---	---

<p>10° gushaka umutungo ukenewe hagamijwe iterambere ry'urwego rw'ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya;</p> <p>11° guteza imbere ubufatanye n'ishoramari mu ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya hagamijwe iterambere ryabyo, ku bufatanye n'inzege bireba.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo</u></p> <p>Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya MINICT iri ku mugereka wa I w'iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Igenwa ry'umushahara</u></p> <p>Imishahara y'abakozi ba MINICT igenwa hashingiwe ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo kandi hakurikijwe amahame ngenderwaho mu kubara imishahara mu butegezi bwa Leta.</p> <p>Urwego, umubare fatizo, agaciro k'umubare fatizo n'umushahara mbumbe bigendana na buri mwanya w'umurimo muri MINICT biri ku mugereka wa II w'iri teka.</p>	<p>10° to mobilise resources for the development of information, communication, technology and innovation sector;</p> <p>11° to promote partnership and investment in information, communication, technology and innovation for their development, in collaboration with relevant institutions.</p> <p><u>Article 4: Organisational structure</u></p> <p>The organisational structure of the MINICT is in annex I of this Order.</p> <p><u>Article 5: Determination of the salary</u></p> <p>Salaries for employees of the MINICT are determined based on the job classification and in accordance with general principles on salary calculation in public service.</p> <p>The level, index, index value and the gross salary corresponding to each job position in the MINICT are in annex II of this Order.</p>	<p>10° mobiliser des ressources pour le développement du secteur de la technologie de l'information, communication et innovation;</p> <p>11° promouvoir le partenariat et l'investissement dans la technologie de l'information, communication et innovation pour leur développement, en collaboration avec les institutions concernées.</p> <p><u>Article 4: Structure organisationnelle</u></p> <p>La structure organisationnelle du MINICT est en annexe I du présent arrêté.</p> <p><u>Article 5: Détermination du salaire</u></p> <p>Les salaires alloués au personnel du MINICT sont déterminés suivant la classification des emplois et conformément aux principes généraux de fixation des salaires dans la fonction publique.</p> <p>Le niveau, l'indice, la valeur indiciaire et le salaire brut correspondant à chaque emploi au sein du MINICT sont en annexe II du présent arrêté.</p>
---	---	---

<u>Ingingo ya 6: Ibigize umushahara mbumbe</u>	<u>Article 6: Composition of the gross salary</u>	<u>Article 6: Composition du salaire brut</u>
<p>Umushahara mbumbe wa buri kwezi w'umukozi ukubiyemo iby'ingenzi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° umushahara fatizo; 2° indamunite y'icumbi; 3° indamunite y'urugendo; 4° inkunga ya Leta mu bwiteganyirize bw'umukozi; 5° inkunga ya Leta yo kuvuza umukozi. <p>Abakozi bari ku nzego z'imirimo za "F" na "2.III" ntibagenerwa indamunite y'urugendo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Boroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano.</p> <p>Abakozi bari ku rwego rw'umurimo rwa "3.II" ntibagenerwa indamunite y'urugendo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Bagenerwa indamunite yihariye y'urugendo hakurikijwe</p>	<p>The monthly gross salary for each employee is mainly composed of the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° basic salary; 2° housing allowance; 3° transport allowance; 4° State contribution for social security; 5° State contribution for medical care. <p>Officials positioned on job levels "F" and "2.III" are not entitled to the transport allowance specified in Paragraph One of this Article. Their transport is facilitated in accordance with Instructions of the Minister in charge of transport.</p> <p>Staff members positioned on job level "3.II" are not granted the transport allowance specified in the Paragraph One of this Article. They are entitled to the special transport allowance in accordance</p>	<p>Le salaire brut mensuel pour chaque agent comprend principalement :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° le salaire de base; 2° l'indemnité de logement; 3° l'indemnité de transport; 4° la contribution de l'État à la sécurité sociale; 5° la contribution de l'État aux soins médicaux. <p>Les agents aux postes de niveau "F" et "2.III" ne bénéficient pas d'indemnité de transport visée à l'alinéa premier du présent article. Leur transport est facilité conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.</p> <p>Les agents au poste de niveau "3.II" ne bénéficient pas l'indemnité de transport visée à l'alinéa premier du présent article. Ils bénéficient de l'indemnité spéciale de transport conformément aux instructions du</p>

<p>amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ibindi bigenerwa Umunyamabanga Uhoraho</u></p> <p>Umunyamabanga Uhoraho agenerwa ibindi bimufasha gutunganya umurimo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) y'itumanaho rya telefone yo mu biro, buri kwezi; 2° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) y'itumanaho rya telefone igendanwa, buri kwezi; 3° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) yo kwakira abashyitsi mu kazi, buri kwezi, anyura kuri konti ya Minisitiri; 4° koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano. 	<p>with Instructions of the Minister in charge of public service.</p> <p><u>Article 7: Fringe benefits for the Permanent Secretary</u></p> <p>The Permanent Secretary is entitled to the following fringe benefits:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) for office landline communication allowance, per month; 2° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) for mobile phone communication allowance, per month; 3° two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) for office entertainment allowance, per month, transferred to the bank account of the Ministry; 4° transport facilitation in accordance with Instruction of the Minister in charge of transport. 	<p>Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.</p> <p><u>Article 7: Avantages alloués au Secrétaire Permanent</u></p> <p>Le Secrétaire Permanent bénéficie des avantages suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone de bureau, par mois; 2° cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois; 3° deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) de frais de représentation au service, par mois, domiciliés au compte bancaire du Ministère; 4° la facilitation de transport, conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 8: Ibindi bigenerwa Chief Policy/Technical Advisor uri ku rwego rw’umurimo rwa “F”</u></p> <p><i>Chief Policy/Technical Advisor</i> agenerwa ibindi bimufasha gutunganya umurimo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) y’itumanaho rya telefone igendanwa, buri kwezi; 2° koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n’ibintu mu nshingano. 	<p><u>Article 8: Fringe benefits for Chief Policy/Technical Advisor on “F” job level</u></p> <p>The Chief Policy/Technical Advisor is entitled to the following fringe benefits:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) for mobile phone communication allowance, per month; 2° transport facilitation in accordance with Instructions of the Minister in charge of transport. 	<p><u>Article 8: Avantages alloués au Chief Policy/Technical Advisor au poste de niveau “F”</u></p> <p><i>Chief Policy/Technical Advisor</i> bénéficie des avantages suivants:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois; 2° une facilitation de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.
<p><u>Ingingo ya 9: Ibindi bigenerwa ba Director Generals, Advisor to the Minister na Analyst bari ku rwego rw’umurimo rwa “2.III”</u></p> <p>Ba <i>Director Generals, Advisor to the Minister</i> na <i>Analyst</i> bari ku rwego rw’umurimo rwa “2.III” bagenerwa buri wese ibindi bibafasha gutunganya imirimo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° ba <i>Director Generals</i> bagenerwa buri wese amafaranga y’u Rwanda ibihumbi mirongo irindwi (70.000 FRW) buri kwezi y’itumanaho 	<p><u>Article 9: Fringe benefits for Director Generals, Advisor to the Minister and Analyst on “2.III” job level</u></p> <p>Director Generals, Advisor to the Minister and Analyst on “2.III” job level are each entitled to the following fringe benefits:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° <i>Director Generals</i> are each entitled to seventy thousand Rwandan francs (FRW 70,000) per month for office landline communication 	<p><u>Article 9: Avantages alloués aux Director Generals, Advisor to the Minister et Analyst au poste de niveau “2.III”</u></p> <p>Les <i>Director Generals, Advisor to the Minister</i> et <i>Analyst</i> au poste de niveau “2.III” bénéficient chacun des avantages suivants:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Les <i>Director Generals</i> bénéficient chacun soixante-dix mille francs rwandais (70.000 FRW) par mois de frais de communication par

<p>rya telefone yo mu biro n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo irindwi (70.000 FRW) y'itumanaho rya telefone igendanwa, buri kwezi;</p> <p>2° <i>Advisor to the Minister na Analyst</i> bagenerwa buri wese amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo irindwi (70.000 FRW) y'itumanaho rya telefone igendanwa, buri kwezi;</p> <p>3° koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Ibindi bigenerwa ba <i>Directors of Units</i> n'abakozi ba Leta bari ku rwego rw'umurimo rwa "3.II"</p> <p>Ba <i>Directors of Units</i> n'abakozi ba Leta bari ku rwego rw'umurimo rwa "3.II" bagenerwa buri wese ibindi bibafasha gutunganya imirimo bikurikira:</p> <p>1° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itatu (30.000 FRW) y'itumanaho rya telefone igendanwa buri kwezi;</p>	<p>allowance and seventy thousand Rwandan francs (FRW 70,000) for mobile phone communication allowance, per month ;</p> <p>2° <i>Advisor to the Minister and Analyst</i> are each entitled to seventy thousand Rwandan francs (FRW 70,000) for mobile phone communication allowance, per month;</p> <p>3° transport facilitation in accordance with the Instructions of the Minister in charge of transport.</p> <p><u>Article 10:</u> Fringe benefits for Directors of Units and public servants on "3.II" job level</p> <p>Directors of Units and public servants on "3.II" job level are each entitled to the following fringe benefits:</p> <p>1° thirty thousand Rwandan francs (FRW 30,000) for mobile phone communication allowance, per month;</p>	<p>téléphone de bureau et soixante-dix mille francs rwandais (70.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois;</p> <p>2° <i>Advisor to the Minister et Analyst</i> bénéficient chacun soixante-dix mille francs rwandais (70.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois;</p> <p>3° la facilitation de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.</p> <p><u>Article 10:</u> Avantages alloués aux <i>Directors of Units</i> et aux agents de l'État au poste de niveau "3.II"</p> <p>Les <i>Directors of Units</i> et les agents de l'État au poste de niveau "3.II" bénéficient chacun des avantages suivants:</p> <p>1° trente mille francs rwandais (30.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois;</p>
--	---	--

<p>2° indamunite yihariye y’urugendo, hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano.</p> <p>Ba <i>Directors of Units</i> bari ku rwego rw’umurimo rwa “3.II” bagenerwa kandi amafaranga y’u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) y’itumanaho rya telefone yo mu biro, buri kwezi.</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Indamunite z’urugendo rw’imodoka</p> <p>Iyo abayobozi bakuru bari ku rwego rw’imirimo rwa “F” cyangwa urwa “2.III” bagiye mu butumwa bw’akazi imbere mu gihugu bakoresheje imodoka zabo, Leta ibagenera indamunite z’urugendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n’ibintu mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p>Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo, Minisitiri w’Ibikorwa Remezo na Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p>2° a special transport allowance in accordance with the instructions of the Minister in charge of public service.</p> <p>Directors of Units on “3.II” job level are also each entitled to one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) for office landline communication allowance, per month.</p> <p><u>Article 11:</u> Mileage allowances</p> <p>When senior officials on “F” or “2.III” job levels go on official mission inside the country by using their vehicles, the State pays them mileage allowances in accordance with Instructions of the Minister in charge of transport.</p> <p><u>Article 12:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p>The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Infrastructure and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p>2° l’indemnité spéciale de transport, conformément aux Instructions du Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.</p> <p>Les <i>Directors of Units</i> au poste de niveau “3.II” bénéficient aussi chacun cent mille francs Rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone de bureau, par mois.</p> <p><u>Article 11:</u> Indemnités kilométriques</p> <p>Lorsque les hauts cadres aux postes de niveaux “F” ou “2.III” vont en mission officielle à l’intérieur du pays en utilisant leurs véhicules, l’État leur octroie des indemnités kilométriques, conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.</p> <p><u>Article 12:</u> Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre des Infrastructures et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l’exécution du présent arrêté.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 13: Ivanwaho ry’iteka n’ingingo zinyuranyije n’iri teka</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri w’Intebe n° 113/03 ryo ku wa 08/11/2017 rigena inshingano, imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo, ibisabwa ku myanya y’imirimo, imishahara n’ibindi bigenerwa abakozi muri Minisiteri y’Ikoranabuhanga n’Itumanaho n’ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 13: Repealing provision</u></p> <p>The Prime Minister’s Order n° 113/03 of 08/11/2017 determining mission and functions, organizational structure, job profiles, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Information Technology and Communication and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 14: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 13: Disposition abrogatoire</u></p> <p>L’Arrêté du Premier Ministre n° 113/03 du 08/11/2017 portant mission et fonctions, structure organisationnelle, profils d’emplois, salaires et avantages accordés au personnel du Ministère de la Technologie de l’Information et de la Communication et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><u>Article 14: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	---	--

Kigali, 14/08/2020

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

(sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Minister of Public Service and Labour
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:


(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p>UMUGEREKA WA I W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 083/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA INTEGO, INSHINGANO, IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI BA MINISITERI Y'IKORANABUHANGA MU ITUMANAHU NO GUHANGA IBISHYA</p>	<p>ANNEX I TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 083/03 OF 14/08/2020 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES, ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF THE MINISTRY OF INFORMATION, COMMUNICATION, TECHNOLOGY AND INNOVATION</p>	<p>ANNEXE I À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 083/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA MISSION, ATTRIBUTIONS, STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU MINISTÈRE DE LA TECHNOLOGIE DE L'INFORMATION, COMMUNICATION ET INNOVATION</p>
--	--	--

MINISTRY OF ICT & INNOVATION (MINICT) ORGANISATIONAL CHART



<p>Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 083/03 ryo ku wa 14/08/2020 rigena intego, inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Minisiteri y'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya</p>	<p>Seen to be annexed to Prime Minister's Order n° 083/03 of 14/08/2020 determining mission, responsibilities, organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Information, Communication, Technology and Innovation</p>	<p>Vu pour être annexé à l'arrêté du Premier Ministre n° 083/03 du 14/08/2020 déterminant la mission, attributions, structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Ministère de la Technologie de l'Information, Communication et Innovation</p>
---	---	---

Kigali, 14/08/2020

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Minister of Public Service and Labour
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p>UMUGEREKA WA II W'ITEKARYA MINISITIRI W'INTEBE N° 083/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA INTEGO, INSHINGANO, IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI BA MINISITERI Y'IKORANABUHANGA MU ITUMANAHU NO GUHANGA IBISHYA</p>	<p>ANNEX II TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 083/03 OF 14/08/2020 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES, ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF THE MINISTRY OF INFORMATION, COMMUNICATION, TECHNOLOGY AND INNOVATION</p>	<p>ANNEXE II À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 083/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA MISSION, ATTRIBUTIONS, STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU MINISTÈRE DE LA TECHNOLOGIE DE L'INFORMATION, COMMUNICATION ET INNOVATION</p>
--	---	---

MINISTRY OF ICT & INNOVATION (MINICT) SALARY STRUCTURE

No	POST	I.V	Level	Index	Gross Salary (Rwf/Month)
1	Permanent Secretary	441	F	2869	1 617 505
2	Chief Policy / Technical Advisor	441	F	2869	1 617 505
3	Digital Transformation Director General	400	2.III	1890	1 125 112
4	Innovation & Emerging Technologies Director General	400	2.III	1890	1 085 308
5	Future Planning Director General	400	2.III	1890	1 085 308
6	Advisor to the Minister	400	2.III	1890	1 085 308
7	Public Sector Digitization Analyst	400	2.III	1890	1 085 308
8	Director of Administration and Finance Unit	400	3.II	1369	786 131
9	Digital Age Infrastructure & Platforms Interoperability Senior Technologist	400	3.II	1369	786 131
10	Senior Technologist, Privacy & Data Protection	400	3.II	1369	786 131
11	Digital Readiness Senior Technologist	400	3.II	1369	786 131
12	Senior Technologist Content & Media	400	3.II	1369	786 131
13	Smart Cities & Communities Outreach Specialist	400	3.II	1369	786 131
14	Innovation Financing Specialist	400	3.II	1369	786 131
15	Digital Convergence Senior Technologist	400	3.II	1369	786 131
16	Industry Research and Development Specialist	400	3.II	1369	786 131
17	Innovation Promotion, Ecosystem & Growth Senior Technologist	400	3.II	1369	786 131
18	Emerging Technologies Senior Technologist	400	3.II	1369	786 131
19	Digital Payments & e-Commerce Specialist	400	3.II	1369	786 131
20	Intellectual Property and Consumer Protection Specialist	400	3.II	1369	786 131
21	Data Scientist	400	3.II	1369	786 131
22	Sector Strategic Planning Specialist	400	3.II	1369	786 131
23	Sector M&E Specialist	400	3.II	1369	786 131
24	Legal Affairs Specialist	400	3.II	1369	786 131
25	HR Management Specialist	400	3.II	1369	786 131
26	Technologist Sovereignty and Cross Boarder Flows	350	4.II	1141	567 590
27	Public Relations & Communication Officer	350	4.II	1141	567 590
28	Statistician	350	4.II	1141	567 590
29	Human Resource Officer	350	4.II	1141	567 590
30	Accountant	350	5.II	951	473 075
31	Procurement Officer	350	5.II	951	473 075
32	Logistics Officer	350	5.II	951	473 075
33	Administrative Assistant to the Minister	350	5.II	951	473 075
34	Administrative Assistant to the PS	350	5.II	951	473 075
35	Internal Auditor	350	5.II	951	473 075
36	Front Desk Officer	350	6.II	793	394 478
37	Head of Central Secretariat	350	7.II	660	328 317
38	Secretary in Central Secretariat	350	8.II	508	252 705

<p>Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 083/03 ryo ku wa 14/08/2020 rigena intego, inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Minisiteri y'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya</p>	<p>Seen to be annexed to Prime Minister's Order n° 083/03 of 14/08/2020 determining mission, responsibilities, organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Information, Communication, Technology and Innovation</p>	<p>Vu pour être annexé à l'arrêté du Premier Ministre n° 083/03 du 14/08/2020 déterminant la mission, attributions, structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Ministère de la Technologie de l'Information, Communication et Innovation</p>
---	---	---

Kigali, 14/08/2020

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux